REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'UBUTEGETSI
BW'IGIHUGU
**B.P. 3445 KIGALI**

Kigali, kuwa 09 NOV 1999
N°1948/07.02

D. Secretariat Central
Bamenyesha akakoze bose
icyo cyemezo
8/11/99

A traiter par ..........
..........
Date entrée : 8/11/99
N° Classement : 3090/24

Bwana Perefe wa Perefegitura
---------------------------(Bose)

Bwana Perefe,

Nshingiye ku ibaruwa yanjye n°1451/07.02/053/01/99 yo kuwa 07 Nzeli 1999 ;

Nishimiye kubandikira mbasaba kubwira ba Burugumesitiri ko nta kindi cyangombwa kigomba kwakwa umuturage uretse ibyangombwa biteganywa n'amategeko nk'indangamuntu, ibarate n'ibindi.

Igihe kandi umuturage yaka ibyangombwa nta bindi byemezo agomba kwakwa ngo abibone kuko hari bamwe muri ba Burugumesitiri barushya abaturage babaka icyemezo cya Resiponsabure, cya Konseye n'ibindi, ugasanga umuntu arabona ibyangombwa icyo abishakira cyararangiye.

Guverinema y'Ubumwe bw'Abanyarwanda rero ifite mu nshingano zayo kwiyegereza no kwegera abaturage ibakorera imirimo ya ngombwa ku buryo butanyuranyije n'amategeko kandi abaturage bafite uburenganzira bwo gutembera mu gihugu cyabo.

Kubyerekeye abagizi ba nabi b'ingeri zose, ABAYOBOZI B'AMAKOMINI, ABAYOBOZI BA SEGITERI na SELIRE bagomba kujya babatahura hakiri kare kandi bakabimenyesha inzego zibishinzwe ariko na none birabujijwe guhohotera abantu.

Akazi keza.

NYANDWI J. Désiré
Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu.

REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU

Bimenyeshejwe :
- Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda-**KIGALI**
- Nyakubahwa Visi Perezida wa Repubulika y'u Rwanda akaba na Minisitiri w'Ingabo **KIGALI**
- Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe-**KIGALI**
- Madamu, Bwana Minisitiri (Bose)-**KIGALI** MIJEPOC
- Madamu, Bwana Sekereteri wa Leta (Bose)-**KIGALI**

REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'UBUTEGETSI
BW'IGIHUGU
B.P. 3445 KIGALI.

Kigali, kuwa 07 SEP. 1999
N°1451/07.02/0531/01/99

Bwana Perefe wa Perefegitura
....................................(Bose)

IMPAMVU:
Gutanga no kugurisha inyandiko
z'inzira kandi byemewe.

Bwana Perefe,

Nishimiye kubandikira mbamenyesha ko UMUNYARWANDA wese afite uburenganzira bwo kuva muri Komini , muri Perefegitura ajya mu yindi yitwaje INDANGAMUNTU gusa nk'icyangombwa cyemewe n'amategeko.

Nta kindi cyangombwa cy'inzira cyemewe n'amategeko nk'uko bikomeje gukorwa na bamwe muri ba Burugumesitiri batanga ibyangombwa baca amafaranga magana atandatu (600 FRW) abaturage.

Ku byerekeye kandi ibyo byangombwa byakwa bamwe bavuga ko ari ukugirango hatagira abaturage baza batazwi bagahungabanya umutekano w'abantu n'ibintu byabo, mboneyeho kubasaba kubwira ba Burugumesitiri bakarushaho gukoresha inzego z'ibanze zitorewe n'abaturage zikajya zitahura hakiri kare abantu bose ibyabo bidasobanutse muri selire na Segiteri batuyemo.

Birumvikana na none ariko ko ibyangombwa biteganywa n'amategeko nk'ibarate y'umusoro kubasora, icyemezo gitangwa na Komini kubera ko indangamuntu zashize mu bubiko cyangwa zitarashyirwaho umukono n'ibindi bigomba gusabwa n'inzego zibifitiye ububasha ariko cyane cyane ni ngombwa ko buri MUNYARWANDA ufite imyaka kuva 16 agira indangamuntu nk'icyangombwa cyemewe n'amategeko.

Igihe kandi umuturage atari yabona indangamuntu kubera impamvu zitamuturutseho, byaba byiza ko yahabwa ICYEMEZO KIRANGA UMUNTU (**Attestation d'Identité**) kigura amafaranga mirongo itanu (50 FRW) nk'uko amategeko abiteganya.

Mboneyeho na none kubamenyesha ko igihe bizaba ngombwa ko hari ikindi cyemezo umuturage yakwakwa igihe ashatse kuva muri Perefegitura ajya mu yindi cyangwa se muri Komini ajya mu yindi mwazabimenyeshwa mu nyandiko.

Mbifurije akazi keza.

NYANDWI J.Désiré
Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu

BIMENYESHEJWE:
- Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda- **KIGALI**
- Nyakubahwa Visi-Perezida wa Repubulika y'u Rwanda - **KIGALI**
- Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe - **KIGALI**
- Madamu, Bwana Minisitiri ...............................(Bose -**KIGALI**
- Madamu, Bwana Sekereteri wa Leta..............................(Bose)- **KIGALI**